J.-B. HABYALIMANA
BP. 302
K I G A L I

Butare, le 10 Juin 1973

/Recommandé/

A traiter par APA
Date entrée : 12 JUIN 1973
N° Classement : 11729

10.10.01

Kuli Nyakwubahwa Secrétaire Régional
du M.D.R. PARMEHUTU
B U T A R E

Bwana Secrétaire Régional,

Ndabaramutsa.-

Ndakumenyesha ko kuwa 9 Kamena nabonye impamvu zikomeye zambujij[e] kuza mu inama ya Sekretariya Rejionali yabaye uwo munsi, si izindi ni izerekeye imilimo mishya Prezida wacu Dogiteri Gregori Kayibanda yanshinze vuba aha, kuva kuwa mbere Kamena 1973. Iyo milimo ikaba yalihutirwaga i Kigali, maze kumulikira Sous Préfet Tabaro nasigiye ibyerekeye Prefegitura byose.-

Aho mviliye i Kigali, namenye ko inama yabaye nk'uko byali byateganijwe; menya ko hali P.V. ya Comite local ya Commune RUSATIRA yasomewe muli iyo inama ya Secretariya Rejionali, kandi iyo inama nali nyilimo kuwa 13 Gicurasi 1973. Responsable MINANI Athanase ansezeranya muli iyo nam[a] ko azanyohererereza iyo P.V., ngo ndebe ko ntacyo bayindemeyemo.-

Nifuje :

1ª kukumenyesha ko iyo P.V. ntayo banshyikirije kandi bali biyemeje kuzayinyohererereza;

2ª kugusaba kumpa kopi yayo cyangwa kuyinsabira ngo nyisome, ndebe niba batagize aho bambeshyera muli interventions zanjye;

3ª kwongera kugusaba kumpa umwanya wo kubatekerereza ibyo nasanze muli Commune Rusatira aho ntabalijwe na Bourgmestre w'iyo Komine, nkaba kandi narabibasabye na kare kose ( cfr. lettres nª 456/B.6 du 5.4.73 et 680/B.6 du 15.5.73); aliko noneho mukamenyesha hakili kare igihe inama izateranira n'uko icyo kibazo kili k'umurongo w'ibyigwa, ntibibe nk'uko byagenze kuli iyi inama muheruka.-

Ikibazo cya komine Rusatira si icyo guhubukirwa, gikwiye kwitonderwa, ndetse ntiwatinya no kugihamagariza inama cyonyine, kandi nibyo muzibonera ubwanyu.-

Bwana Sekreteri Rejiyonali, nizeye ko wumva ibyo ngusabye kandi ukagerageza no kwumva icyo ngusaba.-

Murakoze kandi mukomere ku ishyaka rya M.D.R. Parmehutu na Prezida waryo Dogiteri Gregori Kayibanda.-

Membre du Secretariya Rejiyonali
J.-B. HABYALIMANA
(signature)

C.p.i. :

- Président du M.D.R. Parmehutu
  à Gitarama.
- Secrétaire Exécutif National du M.D.R. Parmehutu
  à Gitarama.
- Responsable du M.D.R. Parmehutu
  commune Rusatira.
- Bourgmestre wa Commune Rusatira.-
- M. le S/Préfet Tabaro Préfét f.f.

M.D.R. PARMEHUTU
Bureau Régional
BP. 131 BUTARE

/ Copie /

Butare, le 2 /4/ 1973

K Ku Barwanashyaka bagize inama ya Secrétariat
Régional uko ali 27

Ndabaramutsa,

Ndabamenyesha koinama yanyu izaterana le 8 /4/ 1973 saa yine ya mu gitondo.

Ibizasuzumwa muli iyo nama muzabisobanurirwa kuli uwo munsi.-

Inama izabera aho yali isanzwe ibera.-

Mugire ishya n'ishyaka.-

Secrétaire Régional wa M.D.R. PARMEHUTU
Sé/ RWAMAKUBA Déogratias.

J.-B. HABYALIMANA
Direction Trafipro
BP. 302
KIGALI

Butare, le 10 Juin 1973

Kuli Bwana Secrétaire Exécutif National
du M.D.R. PARMEHUTU
à GITARAMA

Bwana Secrétaire Exécutif National,

Ndabaramutsa.

Nkulikije rapport nakoze ku byo nasanze muli Komine Rusatira, biturutse ku urwandiko rwa Bourgmestre NDEZE André, wahagalitswe mu ubutegetsi bw'iyo komine ( cfr. lettre nº 3/K.3 Confidentielle namwe mufitiye kopi du 13.1.73);

Nkulikije inzandiko nagiye nandikirana na Secrétaire Régional wa Butare, kenshi musaba gushyira icyo kibazo cya Commune Rusatira ku umurongo w'ibyigwa ngo ntekerereze Secretariya ibyo nabonye muli iyo Komine byuzuye ububeshyi, ubugambanyi, ubugandishe n'ubutiliganye bw'ubulunali, bugamije gusenyera ishyaka ryacu M.D.R. Parmehutu ndateze gutezukaho ( cfr. lettre du 2/4/73 du Secrétaire Régional Rwamakuba,
" ma lettre nº 456/B.6 du 5 Avril 1973,
" ma lettre nº 680/B.6 du 5 mai 1973);

Ndabamenyesha ko :

- kugeza n'ubu ntabonye uwo mwanya wo kubwira Sekretariya Rejionali ibintu bibi bikorwa muli commune Rusatira bitagira ihuliro na programme ya Parti yacu M.D.R. Parmehutu, ahubwo bigamije kuyisenyera;
- ku wa 9 kamena 1973, bahengereye ntakili Prefe kandi ndahali nagiye i Kigali, bahamagaza inama ya Sekretariya Regionali kandi ngo bakiga icyo kibazo, batigeze bamenyesha ko kizigwa uwo munsi ( cfr. communiqué muli Radio yo ku wa 7 na 8/6/73 yavugaga ko ibizigwa bazabibwirwa bahageze).

Ubwo jye nabonye impamvu zimpamagara i Kigali, zerekeye imilimo yihutirwa nshinzwe, ubwo ntuma Albert TABARO Sous Préfet f.f. de Prefe ko azakumvugira kubera iyo milimo impamagaye. Iyo nza kumenya ko icyo kibazo kizigwa ngirango wenda najyaga gusibiza ibyo by'i Kigali, kuko ibyo muli Rusatira bikomeye kandi byica benshi;

- Jye mbona ko décision yafashwe mu inama yo kuwa 9 Kamena 1973, ntacyo ishingiye ho, kuko batabanje kwumva icyo nagira ngo mbanze mbamenyeshe k'ubyo nabonye muli commune Rusatira, bisenyera M.D.R. Parmehutu kandi jye nabonaga ko twali dukwiye gufatanya tukarebera hamwe icyononera Parti yacu.-

Nkaba rero niyambaje Secrétaire Exécutif National kunsabira Secrétaire Régional ya Butare umwanya wo kuyimenyesha ibikorwa muli commune Rusatira, noneho ikabona guca urubanza aliko imaze kumenya ibyo natahuye kuli Depité MINANI ali nawe Responsable w'iyo commune na NDEZE André, bourgmestre wahagalitswe, babeshya ngo ni Abaparmehutu naho bayoborwa na programme ya Lunali.-

Bwana Sekreteri Exécutifu Nationali, ndangije mbashimira cyane kandi nizeye ko mwumva akababaro ntewe n'Ishyaka ryacu MINANI na NDEZE bitwikiriye ngo bakunde babone uko balimunga, aliko kandi sinteze kulitezukaho, nzapfa ndiharanira.-

Mbifulije kulikomeraho na Prezida waryo Dogiteri Gr. Kayibanda.

Membre du Secretariya
Rejiyonali
J.-B. HABYALIMANA

c.p.i. à:

Monsieur le Président du M.D.R. Parmehutu
à GITARAMA